REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°04/2018: **Taliki ya 01–10 Gashyantare 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Gashyantare 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 01-10_Gashyantare_2018; cyagaragaje imvura yagabanutse mu gice cy'amajyaruguru y'igihugu, mu gihugu hagati ndetse no mu burasirazuba bw'igihugu mu gihe igice cy'amajyepfo ho hagaragaye imvura nyinshi ugereranyije n'iyabonetse ahandi mu gihugu.
- Ubutaka bwahamanye ububobere kubera imvura yakomeje kuboneka mu kwezi kwa Mutarama ndetse n'igice cya mbere cya Gashyantare_2018 hose mu gihugu
- **11-20_Gashyantare_2018;** hateganyijweko imvura izaba nke mu minsi ya mbere y'iki gice ariko ikaziyongera tugana ku musozo wacyo.

I. Iriburiro

Mu gice cya mbere cya Gashyantare_2018; mu majyepfo cyane amajyepfo y'uburengerazuba bw'igihugu habonetse imvura nyinshi mu gihugu hose; imvura iri ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'isanzwe ihaboneka muri iyo minsi. Nubwo mu gice cy'amajyaruguru habonetse nke, amajyaruguru y'uburengerazuba yabonye imvura isanzwe ihaboneka ahandi mu gihugu haboneka imvura nke kandi inari mu kigero kiri munsi y'iyari isanzwe

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Gashyantare_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Gashyantare_2018	01-10_Gashyantare
Kigali	6.4	27.8
Rusizi (Kamembe)	83.9	45.0
Rubavu (Gisenyi)	29.5	29.9
Nyamagabe (Gikongoro)	48.0	43.7
Ngoma (Kibungo)	40.2	32.7
Gicumbi (Byumba)	1.6	21.9
Musanze (Ruhengeri)	5.9	26.0
Gitega	12.3	20.9
Rubengera	55.4	32.9
Byimana	44.6	36.5
Kawangire	18.2	25.6
Nyagatare	0.1	10.8

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Gashyantare_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 21-31_Mutarama_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gashyantare_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gashyantare



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Mutarama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Gashyantare_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Gashyantare; cyagaragaje imvura ko yabaye nyinshi mu majyepfo, cyane mu burengerazuba bw'amajyepfo hagaragaye imvura iri hejuru y'iyari isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita1&2**) ahandi hakaboneka imvura iri ku kigero cy'isanzwe ihagwa kugera ku gipimo cyo hasi; naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-31_Mutarama_2018; cyagaragaje imvura isumbye iyo dusanzwe tubona henshi mu gihugu eretse mu majyaruguru y'uburasirazuba (ku bupimiro bwa Nyagatare) hagaragaye imvura iri ku kigero cy'iyari isanzwe ihaboneka (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Gashyantare.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Mutarama kugeza 10_Gashyantare_2018; ubutaka bwakomeje kugaragaza ububobere buri hejuru kubera ikirere kibuditse ndetse n'imvura yagiye iboneka muri iyo minsi muri iyi minsi 20 ishize (reba **Ikarita 5&6**)
Amajyepfo y'uburengerazuba habonetse imvura umunsi ku wundi mu gice cya mbere cya Gashyantare_2018 byongeye ububobere bw'ubutaka muri ako gace, naho mu gihugu hagati hagira ubugabanuke ku bubobere kubera igabanuka ry'imvura muri aka gace

Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Gashyantare_2018

Ibihe by'imvura mu 11-20_Gashyantare_2018 hazaboneka imvura nke mu minsi ya mbere ikaziyongera tugana ku musozo w'iki gice
UBurasirazuba hazaboneka imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu mu gihe amajyaruguru y'Uburengerazuba ariho hateganyijwe kuboneka imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu. Imvura izaba iri ku kigero cy'isanzwe iboneka hose mu gihugu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)